URUGENDO NYOBOKAMANA RW'URUBYIRUKO RWIBUMBIYE MURI GROUPE VOCATIONNEL

Ku wa gatandatu taliki 20/08/2016, urubyiruko rwibumbiye muri groupe vocationnel rwo mu ma Paruwasi agize zone pastorale Gisenyi, rwakoze urugendo rutagatifu rwo kwinjira mu muryango w'Impuhwe ku Nyundo. Ni urugendo rwitabiriwe n'abajene barenga magana arindwi, harimo abiga n'abarangije. Baje baherekejwe n'abihayimana n'abapadiri bari muri komisiyo ya Diyosezi ishinzwe ihamagarwa.

Urugendo rwo kwinjira mu muryango w'Impuhwe rwatangiriye kuri Centre Pastorale Saint Jean Paul II, nyuma hakurikiyeho Misa yasomwe na Padiri Laurent NGENDAHAYO, Président wa komisiyo, akikijwe na Padiri Patient NIYOYITA na Padiri Vincent HABIHIRWE.

Amasomo: Isomo rya mbere: **1Sm3, 1-10**

Isomo rya kabiri: **1Jn4, 8-11**

Ivanjili: **Lk15, 11-32**

Inyigisho yatanzwe na Padiri Laurent NGENDAHAYO Président wa Komisiyo ishinzwe ihamagarwa muri Diyoseze Nyundo.

Hahirwa abagira impuhwe kuko bazazigirirwa(Mt5,7). Abagira impuhwe Yezu abasezeranya impuhwe. Ufite azongererwa. Abagira impuhwe batunze ubuzima bw'Imana, basa n'Imana.

Abashakisha umuhamagaro wabo ni uko bafitiye bagenzi babo impuhwe. Umuhamagaro, guhamagarwa nabyo ni Impuhwe z'Imana kuko twese nta numwe uba ubikwiye. Dufitiye abavandimwe bacu urukundo n'impuhwe kuko imyaka yeze ni myinshi ariko abasaruzi bakaba bake, ariko kandi ni Imana ibidufashamo ikadutora atari uko turi ibitangaza n'abanyabwenge ahubwo ku bw'Impuhwe n'Urukundo itugirira. Ese nzabimenya nte? Ese nzitaba nte? Umuntu atorwa anyuze mu muryango, ariwo Kiliziya.

Umwana Samweli yagiriwe inama na Heli Umuherezabitambo, maze amenya uburyo yitaba Imana yamwigombye. « Vuga Nyagasani, umugaragu wawe arumva ». Impuhwe ni indi nyito y'Urukundo (les entrailles, sein maternel). « Uko umubyeyi agirira ibambe abana be, niko Uhoraho agirira ibambe abamutinya » Zaburi 103,13. Mutagatifu Basile Mukuru yagize ati « umuntu ugirira impuhwe umuvandimwe we, aba asa n'Imana ».

Ivanjili Lk15,11-32

Iyi Vanjili si umugani utwumvisha iby'umwana w'ikirara, ahubwo utwumvisha Umutima w'Impuhwe n'urukundo by'uyu mubyeyi; ariwo w'Imana. Twawita, umugani w'umubyeyi ugira impuhwe.

Bavandimwe umutima w'Imana uratuyobora, uraturenze. Umwana w'ikirara yararambiwe ashaka kwigenga kandi Se atamwirukanye. Narambiwe ngiye kureba ahandi uko hasa, nkore icyo nshaka ndye icyo nshaka, nsogongere kuri byose, ibizira n'ibitazira. Afite amafranga yabonaga byose, ibyishimo, imyambaro, inzoga, inshuti, abakobwa,…Ngo " uwenze inzoga ntabura incuti".

Umwana w'ikirarara si umwana w'umugani, nta muryango nta nzu bitamugira, na Kiliziya iramugira. Umwana w'ikirara atwigisha kwicisha bugufi no kugarukira Imana. Abahungu bombi ntabwo bazi Se, aho bakomora ubuzima. Koko uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera, umurengwe usiga inzara, iyo umuntu atangiye kurengwa arenza Nyina akaguru, utazi ubwenge ashima ubwe, uwenze inzoga ntabura inshuti, kandi icyizere kiraza amasinde.

Se w’umwana/Umunyampuhwe

Se ategereje umwana we, aracyamukunda. Imana buri gihe ihora idutegereje. Umwana na we yagaruye agatima amenya ko ajya mu rupfa, arashaka ubuzima. Umwana mukuru na we ni umurwayi, ariko ntabwo yari azi ko arwaye. Ati “si nkosa, ndi inyangamugayo, ndi intungane,..” uyu mwana mukuru arafunze ntazi Se, nta rukundo yigeze yumva ko Se amukunda.

Père, Papa,..hari inshinga zibyerekana! Akiri kure,Se aramurabukwa, Yumva impuhwe ziramusabye, Ariruka ajya kumugwa mu nda, Amuramutsa amusomagura! Mu muco w’abayahudi ndetse n’uw’aba Nyarwanda, kubona umubyeyi yirukanka ni ibintu bidasanzwe! Se ntiyaretse umwana yisobanura. Imana ihora buri gihe idutegereje iteze amaboko. Dieu existe, je l’ai rencontré! Dieu existe, Il m’a rencontré!

Umutima mugari w’Imana, Imana Itubabarira mbere y’uko tunasaba imbabazi. Umwana ntiyisobanuye kuri Se ahubwo ni ibyishimo; ni umunsi mukuru (ikanzu, impeta, inkweto, indirimbo, imbyino,… Uwari wegereje urupfu ubu ari mu byishimo, mu buzima, mu munsi mukuru.

Imana ni URUKUNDO “1Jn4,8-11”. Yohani abivuga kuko yabanye na Yo. Imana ni Impuhwe. Imana ni URUKUNDO, ibi bijyanye neza na Pasika. Kuvuga Urukundo rw’Imana ni ukuvuga Yezu wizuye mu bapfuye, kubera urukundo akunda abe. « Imana yakunze isi igeza aho itanganga Umwana wayo » Jn3,16. Gutanga (donner)=gratuité.

Utanga arahabwa. Imana ikunda abayo kugera ku ndundunduro. Ku musaraba, bababarire kuko batazi icyo bakora (Impuhwe z’Imana). Dushimire Imana ikunda Mwana, maze kubera urwo rukundo, Bakadukunda byabuze urugero. Imana ikenutse ku mpuhwe n’urukundo kubera urukundo idukunda. « Imana yakoranyirije abantu bose mu bwigomeke kugira ngo bose hamwe ibagirire imbabazi (impuhwe) » Rm11,32.

Nyuma y’Igitambo cy’Ukaristiya, hatanzwe ubuhamya butandukanye bw’abihayimana bavuga uko urugendo rwabo rwo kwiyegurira Imana barukoze.

Urubyiruko rwitabiriye uyu munsi mukuru rwaganirijwe byinshi ku byerekeye umuhamagaro.

Umuhamagaro ugizwe n'ibice bibiri: Hari Uhamagara ariwe Nyagasani, n'uhamagarwa ariwe twe abantu. Hari kandi amajwi atatu: Ijwi ry'Uhamagara,ijwi ra Kiliziya n'iry'uhamagarwa. Imana iyo iduhamagaye iduha n'ubutumwa, mu kuduhamagara ubwabyo. Ni ubutumwa Imana Iba iduhaye, ariko kandi ubwo butumwa ntibugenewe uhamagarwa gusa ahubwo bugenewe umuryango wose w'Imana. Umuhamagaro wose wemerwa na Kiliziya. Hari umuhamagaro wo kwiyegurira Imana, hari kandi n'umuhamagaro wo gushinga urugo. Iyi mihamagaro yose itwerekeza ku muhamagaro mukuru ariwo **UBUTUNGANE**, Mt5,48. Mu nyigisho zahawe abajene bibumbiye muri Groupe Vocationnel, bibukijwe icyo kwiyegurira Imana bivuze ndetse n'icyo bisaba. Abo bajene basabwe gukomeza kumva ko Nyagasani abahamagara kandi nibumva ijwi Rye ntibakanangire umutima wabo.

Nyuma y'inyigisho n'ubuhamya urubyiruko rwakoze igitaramo.

COMMISSION DIOCESAINE CHARGEE DE LA PASTORALE DES VOCATIONS

Iyi komisiyo yashyizweho na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE taliki 14/07/2015 ifite inshingano zikurikira :

- Kwita k'urubyiruko rushaka kwiyegurira Imana
- Gushaka abazasimbura abakuru bari mu butumwa; Abapadiri, Abafurere n'Ababikira
- Gushinga Groupe Vocationnel muri buri Paruwasi
- Gushinga Groupe Vocationnel mu bigo by'amashuri
- Kwegera urubyiruko mu ma Paruwasi yabo no muri Groupe Vocationnels zabo
- Gutegura umunsi mukuru w'abihayimana uba mu kwezi kwa kabiri taliki 2 usanzwe uba ku munsi mukuru wa Yezu aturwa Imana mu Ngoro Ntagatifu
- Gutegura umunsi mukuru w'Umushumba Mwiza uba ku Cyumweru cya kane cya Pasika
- Gutegura imyiherero ya Groupe Vocationnel
- Kumenya abagiye kwiyegurira Imana mu ma Paruwasi buri mwaka

Abagize Komisiyo: Abbé Laurent NGENDAHAYO, Président

<u>Zone pastorale Gisenyi</u>

1. Abbé Laurent NGENDAHAYO, Président
2. Abbé Vincent HABIHIRWE :Paroisse MURAMBA
3. Soeur Thacienne NYIRABASIRIMU : BENEBIKIRA/NYUNDO
4. Soeur Adeline BENIMANA: Fille de Marie Auxiliatrie/MUHATO
5. Mlle Immaculée TUYISENGE : Auxiliaire de l'Apostorat/GISENYI
6. Frère Sébastien NIZEYIMANA: Frères des Ecôles Chrétiennes E.A.
7. Soeur Marie Louise NIYIGENA :BENEBIKIRA/MURAMBA
8. Soeur Donatilla MUKAMUNANA:Umuhire wa Nyina wa Jambo
9. Frère Aimable BUTENGWA: Frères Josephites /GISENYI
10. Frère MBARUSHIMANA JMV: FIC/MUHIRA
11. Soeur MUKAKAYUMBA : Soeurs Oblates du Saint Esprit/RAMBURA

<u>Zone pastorale KIBUYE</u>

1. Abbé Gilbert NTIRANDEKURA: Paroisse Crête Congo Nil, Vice Président
2. Frère Jean Bosco MUPENZI: Frères Josephites/BIRAMBO
3. Soeur Vestine NIYIKORA : Soeur de Sainte Marie/KIBUYE

4. Mlle Licie UWAMARIYA: Auxiliaire de l'Apostorat/KIBUYE
5. Soeur Béatrice NYIRAHATEGEKIMANA :Soeur d'Assomption
6. Soeur Alphonsine UWAMAHORO: Soeurs Missionnaires des Sacrés Coeurs de Jésu et de Marie/MUSHUBATI

Imyaka yeze ni myinshi, nimusabe Nyiri myaka yohereze abakozi mu murima we.

Padiri Vincent HABIHIRWE